# IYOGEZABUTUMWA RY'ABAPFAKAZI MURI DIYOSEZI YA NYUNDO RIRAKATAJE

Tariki ya 10 kugeza 13 Ukuboza 2018 kuri Centre Pastorale Saint Jean Paul II ku Nyundo habereye umwiherero w'abapfakazi bahagarariye abandi muri buri Paruwasi zigize Diyosezi ya Nyundo. Ubusanzwe buri Paruwasi igira ihuriro ry'abapfakazi bakagira n'umutagatifu bisunga. Ihuriro ryabo ku rwego rwa Diyosezi bakitwa ABEGAMIYE YEZU.

Muri uyu mwiherero hari hateganyijwe ko buri Paruwasi yohereza babiri bahagarariye abandi. Baje bagera kuri 51 habuze umwe gusa wagize impamvu kuri 52 bari bategarejwe . Atangiza uyu mwiherero Padiri Etienne MUKERAGABIRO ,Umuyobozi wa Caritas Nyundo Gisenyi, akaba ari we ushinzwe iyogezabutumwa ry'abapfakazi muri Zone Pastorale ya Gisenyi na Padiri SAFARI Laurent Umuyobozi wa Caritas Nyundo Kibuye akaba ari we ushinzwe iyogezabutumwa ry'abapfakazi muri Zone Pastorale ya Kibuye, yatangiye abifuriza ikaze ababwira ko umwiherero ari umwanya wo gutuza ugasabana n'Imana, kuruhuka no kwiga ;abagezaho n'agahunda y'abazabafasha mu nyigisho zinyuranye z'umwiherero wabo.

Padiri Eugène URAYENEZA, Padiri mukuru wa Paruwasi ya Gisenyi akaba ashinzwe Komisiyo y'Umuryango muri Diyosezi yabahaye inyigisho yerekeye umuryango ; inyigisho y'umuryango ishingiye ku ntera eshanu :

1. Abana batoya ;

2. Urubyiruko(Ingimbi n'Abangavu) ;

3. Abitegura gushinga urugo ;

4. Gukurikirana Ingo z'Abashakanye ;

5. Kwitegura kuzatandukana n'uwo mwashakanye.

Padiri Eugene MURENZI, nawe yabahaye inyigisho ku nsanganyamatsiko igira iti : Nyagasani ngira umugabuzi w'amahoro yawe. Ashingiye ku Ivanjili ya Yohani 14,27 yaberetse ko Yezu begamiye ari we utanga amahoro y'umutima nyayo kandi atari uko isi iyatanga. Amahoro kandi agera no ku biremwa byose (Iz 11,6-9). Isengesho rya Mutagatifu Fransisiko w'Asizi ritwigisha kutirebaho gusa ahubwo tukareba abandi. Isi ikeneye abagabuzi b'amahoro, ari bo mwebwe ari bo twebwe. Icyo Yezu adusaba nk'abapfakazi mukomere ku isezerano ryanyu, mutange amahoro ku bo Imana yabahaye, mu isengesho mwisabira musabira n'abandi ku rugero rwa Mutagatifu Ana.

**UBUZIMA BW'AMAHURIRO MURI ZA PARUWASI**

Ihuriro ry'abapfakazi muri Diyosezi ya Nyundo bitwa ABEGAMIYE YEZU.

Muri uyu mwiherero abapfakazi bagize umwanya wabo wihariye wo gusangizanya ubuzima babayemo muri za Paruwasi zinyuranye za Diyosezi ya Nyundo. Basanze abapfakazi bitabira amahuriro bagera kuri 3094. Bakaba bagendera ku ntego za Diyosezi : Gusenga ; Gukomera ku kwemera ;kuvanana mu bwigunge bafashanya kuri Roho no ku mubiri,…

Mu bikorwa bakora harimo : Kubakirana, kurihirana ubwisungane mu kwivuza,kugira uruhare mu bikorwa binyuranye bya Kiliziya ndetse n'ibya Leta.

Bahawe kandi inkunga y'amatungo magufi ubu bakaba bagenda borozanya uko amatungo agenda yororoka muri buri Paruwasi. Bigishijwe kandi bahabwa n'inkunga zo gutunganya uturima tw'igikoni bikaba bikorwa henshi. Basanze bagifite ubutumwa bwo kubwira abandi batarumva iyogezabutumwa ryabo. Bashimiye Umwepiskopi ubazirikana mu buzima bwabo akabaha abasaseridoti babitaho kuri Roho bashima n'uko bakirwa iyo baje mu mwiherero, n'uko bitaweho hirya no hino aho bari muri za Paruwasi zabo.

Ku mugoroba basoza umwiherero wabo Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo ari kumwe n'Abandi basaseridoti ndetse n'abihayimana yarabasuye abaha impanuro kandi basangira nabo ifunguro ry'umugoroba.

Mu Ijambo rye Umwepiskopi yatangiye ashimira abapadiri bashinzwe iyogezabutumwa ry'abapfakazi muri Kibuye na Gisenyi hose. Yakomeje ashimira abapfakazi bitabiriye umwiherero wabo bityo bakerekana uruhare bagira mu iyogezabutumwa Kiliziya yabageneye. Ashingiye ku byanditswe bitagatifu yagaragaje ko ari ngombwa kwita kubapfakazi. Kuko iyo twita kubapfakazi tuba dufasha n'imfubyi. Kiliziya irabakomeza kandi irabasabira, namwe mube intwari mwite ku bana abo mwari mwarashakanye babasigiye, ndetse namwe ubwanyu mufashanye hagati yanyu ntimwumve ko mwigunze. Kiliziya rero izakomeza kubitaho kandi ibane namwe. Intambwe mwateye yo kwemera ubuzima mwahuye nabwo ni uburyo bukomeye bwo gukomera ku isezerano ryanyu mwari mwaragiriye abo mwashakanye. Murabe intangarugero nka Mutagatifu Jeanne Françoise de Chantal twahimbaje none. Umugabo we amaze gupfa akamusigira abana batandatu yarihebye abura uko abigenza ariko

nyuma yo guhumurizwa n’Umuyobozi we wa Roho yaje kubyakira kandi arera abana Imana yamuhaye neza. Namwe rero Abasaseridoti Kiliziya yabahaye bazabafashe gushyikirana n’Imana kurushaho no kwemera ubuzima mubayemo. Ndifuza ko amahuriro yanyu muri za Paruwasi yakomera kandi mukomeze mujye muhura musangire ubuzima. Igihe muje hano kuri Diyosezi mujye muhavana ubumenyi mushyira abandi muhagarariye. Umwepiskopi kandi yashimye inyigisho bahawe cyane muri iki gihe cy’Advent kandi cyegereza impera z’umwaka. Yaboneho kubifuriza Noheli Nziza n’Umwaka mushya muhire wa 2019. Hakurikiraho gusangirira hamwe ifunguro rya nimugoroba.

**Padiri Jean Marie KWIZERA**